

AMABWIRIZA YA MINISITIRI W'UBUZIMA N° 20/10 YO KU WA 10/05/2005 YEREKERANYE NO KURINDA ABATANYWA ITABI N'IBIDUKIKIJE INGARUKA MBI Z'ITABI

Minisitiri w'Ubuzima,

Ashingiye ku Iteka rya Perezida N° 13/ ryo ku wa 25/05/2005 ryemeza kandi rihamya burundu Amasezerano Mpuzamahanga y'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Buzima yerekeranye no kurwanya ububi bw'itabi;

Akurikije ko bimaze kugaragara ko itabi rifitiye ingaruka mbi ku abanywa itabi, abatarinywa no ku bidukikije;

Ashingiye ku cyemezo cy'Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 09 Nyakanga 2004.

ATANZE AMABWIRIZA AKURIKIRA:

UMUTWE WA MBERE: KURENGERA ABATANYWA ITABI

Ingingo ya mbere:

Aya mabwiriza agamije kurinda abatanywa itabi hamwe n'ibidukikije ingaruka mbi zituruka ku kunywera itabi ahantu hahurirwa n'abantu.

Ingingo ya 2:

Birabujijwe kunywera itabi ahantu hahurirwa n'abantu benshi cyangwa hagenewe ibikorwa rusange, uretse ahantu habigenewe hazwi.

Hagomba gushyirwaho icyapa kigaragara kibutsa ko bibujijwe kuhanywera itabi. Icyo cyapa kigomba kuba gifite nibura santimetero mirongo itanu (50cm) ku mpande zose, kandi cyandikishije ibara ritukura ku kibaho cy'umweru. Icyo cyapa cyanditseho amagambo akurikira: **"BIRABUJIJWE KUNYWERA HANO ITABI"** mu kinyarwanda, igifaransa n'icyongereza hongeyeho ikimenyetso cyo kubuza kunywa itabi.

Ingingo ya 3:

Birabujijwe kunywera itabi ahantu hahurirwa n'abantu benshi harimo:

- ibigo by'amashuri,
- amavuriro,
- ibibuga by'imikino,
- ibibuga by'indege,
- aho bacumbikira abagenzi,
- aho babyinira,
- aho bafatira amafunguro n'ibinyobwa rusange,
- ibiro n'aho bakorerwa imirimo rusange, cyangwe se
- imodoka zitwara abagenzi.

Ingingo ya 4:

Cyakora, ahantu hatagenewe kunywera itabi, hagomba guteganywa icyumba kigenewe abanywa itabi.

Ahagenewe kunywera itabi hagomba kuba umwuka uhagije. Mu nyubako cyangwa aho bacumbikira abantu, ibyumba banyweramo itabi bigomba kuba bitandukanye neza n'ibyumba batanyweramo itabi. Ibyumba banyweramo itabi ntibishobora gufata umwanya urenze 20% by'ibyumba byose bihari.

Ingingo ya 5:

Aya mabwiriza yo kutanywa itabi areba ubwoko bwose bw'itabi, ubutumura umwotsi n'ubutawufite.

Ingingo ya 6:

Birabujijwe kunywa itabi mu byumba byagenewe kwakira abana bari muni y'imyaka cumi n'umunani (18) kandi abo bana ntibemerewe kunywa itabi no kujya ahagenewe abanywi b'itabi.

Ingingo ya 7:

Birabujijwe gucuruza ibikomoka ku itabi aha hakurikira:

- Ibigo by'ubuvuzi;
- Ibigo bicuruza imiti;
- Aho barerera abana cyangwa aho birirwa;
- Ibigo by'amashuri;
- Ibibuga by'imikino.

Umutwe wa kabiri: Kurinda abana bato ububi bw'itabi

Ingingo ya 8:

Birabujijwe kunywa itabi ku mugore wonsa cyangwa utwite.

Ingingo ya 9:

Abujijwe kunywa itabi mu masaha y'akazi umuntu wese ushinze kurera abana bari muni y'imyaka itanu (5).

UMUTWE WA GATATU : KURINDA IBIDUKIKIJE UBUBI BW'ITABI

Ingingo ya 10:

Ibibikwamo itabi byose bigomba kuba bibora hashize igihe kitarenze mezi atandatu (6).

Ingingo ya 11:

Birabujijwe guta ibisigazwa by'itabi ahabigenewe.

Ingingo ya 12:

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa kuva umunsi yashyiriweho umukono.

Kigali, ku wa 10/05/2005

Minisitiri w'Ubuzima

Dr. NTAWUKULIRYAYO Jean Damascène
(sé)

INSTRUCTIONS DU MINISTRE DE LA SANTE N° 20/10 DU 10/05/2005 RELATIVES A LA PROTECTION DES NON FUMEURS ET DE L'ENVIRONNEMENT CONTRE LES MEFAITS ET LES CONSEQUENCES FACHEUSES DU TABAC

Le Ministre de la Santé,

Vu l'Arrêté Présidentiel N° 13/01 du 25/05/2005 portant ratification de la Convention-Cadre de l'Organisation Mondiale de la Santé,

Considérant qu'il a été prouvé que le tabac a des conséquences fâcheuses sur les fumeurs, sur les non fumeurs et sur l'environnement ;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 09 juillet 2004;

INSTRUIT:

CHAPITRE PREMIER : PROTECTION DES NON FUMEURS

Article premier :

Cette instruction Ministérielle est destinée à protéger aussi bien les non fumeurs que l'environnement contre les méfaits du tabac.

Article 2:

Il est interdit de fumer dans les lieux publics, sauf dans les endroits spécifiquement réservés aux fumeurs.

Les panneaux doivent être érigés dans les lieux publics avec un message clair et bien visible qu'il est interdit de fumer. Ces panneaux doivent avoir au moins cinquante centimètres (50 cm) à chaque coté, et le message doit être de couleur rouge sur un fond blanc. En plus d'un signe indiquant qu'il est interdit de fumer, le panneau doit contenir ce message : « **IL EST INTERDIT DE FUMER ICI** » en Kinyarwanda, en Français et en Anglais.

Article 3:

Il est interdit de fumer dans les lieux où beaucoup de gens se rassemblent, notamment, dans les endroits suivants:

- Les écoles,
- Les hôpitaux,
- Les hôtels,
- Les boîtes de nuit,
- Les bureaux et aux lieux de travail en groupe, ainsi que
- Les engins de transport en commun,
- Les terrains de sport,
- Les aéroports, et
- Les restaurants et bars.

Article 4:

Néanmoins, il doit être prévu un local réservé aux fumeurs à coté de chaque lieu où il est interdit de fumer.

L'endroit réservé aux fumeurs doit être suffisamment aéré. Dans chaque immeuble et dans chaque hôtel, les locaux réservés aux fumeurs doivent être à l'écart de l'endroit où il n'est pas permis de fumer. Les locaux réservés aux fumeurs ne doivent pas occuper plus de 20% de l'espace des autres locaux.

Article 5:

Les présentes instructions concernent toutes sortes de tabac, aussi bien celles qui produisent la fumée que celles qui ne la produisent pas.

Article 6:

Il est interdit de fumer dans les locaux destinés aux enfants de moins de 18 ans. En outre, les enfants de cet âge ne sont pas autorisés à fumer et à fréquenter les endroits réservés aux fumeurs.

Article 7:

Il est interdit de faire le commerce des produits dérivant du tabac dans les endroits suivants :

- les centres de santé,
- les pharmacies,
- les centres pour enfants,
- les écoles, et
- les terrains de sport.

CHAPITRE II : PROTECTION DES ENFANTS CONTRE LE TABAC

Article 8:

Il est déconseillé aux femmes enceintes et allaitant de fumer.

Article 9:

Il est déconseillé à toute personne ayant la garde des enfants de moins de 5 ans de fumer pendant les heures de service.

CHAPITRE II : PROTECTION DE L'ENVIRONNEMENT

Article 10:

Tous les emballages du tabac doivent être d'une nature qui se décompose dans une période ne dépassant pas 6 mois.

Article 11:

Il est déconseillé de jeter les restes du tabac dans un endroit non réservé pour ça.

Article 12:

Les présentes instructions entrent en vigueur le jour de leur signature.

Fait à Kigali, le 10/05/2005

Le Ministre de la Santé
Dr NTAWUKULIRYAYO Jean Damascène
(sé)